# 329: Nezerwa cyane, wa si we

1.

Nezerwa cyane, wa si we;
Araje Shobuja !
Mwa bayibamo mwese mwe,
Musangwe mwinonosoye,
Ni mu mukingurire,
Mu mwakir' abiharire;
Kand' ibyaremwe byose bimuhimbaze !

2.

Nezerwa cyane, wa si we,
Ko yimy' ingoma ye !
Mwa bantu mwe, twishimane,
Tunezerwe bihebuje.
Namwe, bamarayika,
Turirimban' ishimwe rye.
Namwe misozi mwese, nimurangire !

3.

Non' ibitovu n'amahwa
Nimubirimbure !
Twanizwe n'ibicumuro
N'intimba byatumezemo.
Yes' araturengera
Ngw abirandure muri twe,
Wa muvum'awusimbuz' umugisha we.

4.

Yazanywe no kuganz' isi,
Ngo twes' atwereke
Ishimwe n'icyubahiro
Bituruka mu kwera kwe
No mu rukund' afite,
Urw' akund' abacumuye.
Tumuhimbaze : n' Umukiz' utangaje

Visit us at indirimbo.com